


30ème ANNEE N° 16
15 août 1991.

UMWAKA WA 30 N° 16
15 Kanama 1991.



CASE NO: ICIR-98-41-1
EXHIBIT NO: AB 140
DATE ADMITTED: 28-7-2004
TENDERED BY: DEFENCE
NAME OF WITNESS: ATY

JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE

IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

SOMMAIRE

N°. date et objet

Page

ARRETES MINISTERIELS.

N° 23/04.09.01 du 31 juillet 1991.

Arrêté ministériel portant enregistrement du Parti
Politique M.R.N.D.

959

N° 24/04.09.01 du 31 juillet 1991.

Arrêté ministériel portant enregistrement du Parti
Politique M.D.R.

960

N° 25/04.09.01 du 5 août 1991.

Arrêté ministériel portant enregistrement du Parti
Politique P.S.D.

961

N° 26/04.09.01 du 10 août 1991.

Arrêté ministériel portant enregistrement du Parti
Politique P.D.C.

962

N° 27/04.09.01 du 10 août 1991.

Arrêté ministériel portant enregistrement du Parti
Politique P.L.

963

IBIRIMO

N°. itariki n'ibirimo

Urupapuro rwa

AMATEKA YA BA MINISITIRI.

N° 23/04.09.01 ryo ku wa 31 Nyakanga 1991.

Iteka rya Minisitiri ryemera iyandikwa ry'Ishyaka
Muvoma Iharanira Repubulika, Demokarasi
n'Amajyambere ya Rubanda M.R.N.D.

959

N° 24/04.09.01 ryo ku wa 31 Nyakanga 1991.

Iteka rya Minisitiri ryemera iyandikwa ry'Ishyaka
Riharanira Demokarasi muri Repubulika (M.D.R.)

960

N° 25/04.09.01 ryo ku wa 5 Kanama 1991 ryemera
iyandikwa ry'Ishyaka Riharanira Demokarasi
n'Imibereho Myiza y'Abaturage (P.S.D.)

961

N° 26/04.09.01 ryo ku wa 10 Kanama 1991 ryemera
iyandikwa ry'Ishyaka Riharanira Demokarasi ya
Gikirisito (P.D.C.)

962

N° 27/04.09.01 ryo ku wa 10 Kanama 1991 ryemera
iyandikwa ry'Ishyaka Riharanira ukwishyira ukizana
kwa buri muntu (P.L.)

963

STATUTS

Mouvement Républicain National pour la Démocratie
et le Développement (M.R.N.D.) 964

Mouvement Démocratique Républicain (M.D.R.) ... 1020

Parti Social Démocrate (P.S.D.) 1049

Parti Démocrate Chrétien (P.D.C.) 1068

Parti Libéral (P.L.) 1082

Muvoma Iharanira Repubulika Demokarasi
n'Amajyambere ya Rubanda (M.R.N.D.) 964

Ishyaka Riharanira Demokarasi muri Repubulika
(M.D.R.) 1020

Ishyaka Riharanira Demokarasi n'Imibereho Myiza
y'Abaturage (P.S.D.) 1049

Ishyaka Riharanira Demokarasi ya Gikirisitu
(P.D.C.) 1068

Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kwa buri
Muntu (P.L.) 1082

**MOUVEMENT DEMOCRATIQUE REPUBLICAIN
(M.D.R.)**

PREAMBULE:

Nous, les membres rénovateurs du Mouvement Démocratique Républicain PARMEHUTU;

Convaincus de la nécessité du système politique démocratique pluraliste pour résoudre les problèmes politiques et socio-économiques auxquels notre pays se trouve confronté;

Sachant que jusqu'à sa suspension le 5 juillet 1973, le M.D.R. PARMEHUTU, parti national de masse, n'avait jamais trahi les principes démocratiques et républicains: respect du multipartisme, adhésion libre au parti, élections libres à tous les niveaux, nette séparation des pouvoirs, etc...

Convaincus que le flambeau allumé par le M.D.P. PARMEHUTU n'est pas éteint et qu'il reste encore vif dans les cœurs et les esprits des rwandais démocrates qui doivent poursuivre la lutte pour faire triompher la liberté, la justice et le progrès social:

Soucieux rénover le M.D.R. PARMEHUTU qui prend désormais l'appellation de MOUVEMENT DEMOCRATIQUE REPUBLICAIN et d'actualiser son programme de façon à répondre aux exigences du moment et à la situation socio-politique de notre pays;

Décidés à appartenir au MOUVEMENT DEMOCRATIQUE REPUBLICAIN, à poursuivre et à parachever l'action des artisans de la démocratie et la République avec à leur tête son Excellence Grégoire KAYIBANDA;

Arrêtons les présents statuts du MOUVEMENT DEMOCRATIQUE REPUBLICAIN:

TITRE PREMIER.

DE LA DENOMINATION ET DU SIEGE SOCIAL.

Article premier.

Le Mouvement Démocratique Républicain PARMEHUTU est rénové et prend la dénomination de «MOUVEMENT DEMOCRATIQUE REPUBLICAIN», en agrégé M.D.R. Il est régi par les présents statuts et s'engage à respecter la Constitution, les lois et règlements de la République Rwandaise. Son emblème est un drapeau bicolore: ROUGE et NOIR. Sa devise est: Liberté, Justice, Travail.

**ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI
REPUBULIKA (M.D.R.)**

INTANGIRIRO:

Twebwe, abiyemeje kuvugurura Ishyaka R Demokarasi muri Repubulika ari ryo PARMEHUTU;

Tumaze kwiyemeza ko ari ngombwa kuge mitegekere ishingiye kuri demokarasi yemera ari menshi hagamiywe gukemura ibibazo bya imibereho n'ubukungu Igihugu cyacu gifite;

Tutirengagije ko kugeza ubwo ihagarikwa, Nyakanga 1973, M.D.R. PARMEHUTU, ish rubanda nyamwinshi, itari yarigeze iteshuka ku m demokarasi na Repubulika ari yo: kwemera i y'amashyamba menshi, kuyoboka ishyamba ku amatora adahatiwe mu nzego zose, itandukanya ry'inzego z'ubutegetsi, ...;

Twemera ko urumuri rwazanywe na PARMEHUTU rutazimye, rukaba rugihembeye mitima y'abanyarwanda bemera demokarasi, bagomba gukomeza guharanira ko haganza uk ukizana, ubutabera n'amajyambere y'abaturage;

Dushishikajwe no kuvugurura M PARMEHUTU no guhuza programu yayo k bujyanye n'ibihe tugezemo n'imiterere y'in n'itegekere by'Igihugu, bityo M.D.R. PARM kuva ubu yiswe M.D.R., Ishyaka Riharanira Der muri Repubulika;

Twiyemeje kuyoboka Ishyaka Riharanira Den muri Repubulika (M.D.R.), gukomeza no kuzuza i cy'abaharaniye demokarasi na Repubulika mu bayobowe na Nyakubahwa Geregori KAYIBANDA

Dushyizeho izi sitati za M.D.R.:

INTERURO YA MBERE.

IZINA N'INTEBE.

Ingingo ya mbere.

M.D.R. PARMEHUTU iravuguruwe, ikaba Ishyaka Riharanira Demokarasi muri Repubulika, mu magambo ahinnye. Igengwa n'izi sitati kandi y kubahiriza Itegeko-Nshinga, n'andi mabwira n'amabwiriza ya Repubulika y'u Rwanda. Ikirangantego cyayo ni ibendera rigizwe n'amabara UMUTUKU n'UMUKARA. Intego yav TWISHYIRE, TWIZANE, DUHARAR UBUTABERA NUMURIMO.

Article 2.

Le siège du Parti est établi dans la Capitale de la République Rwandaise. Il peut être transféré en tout autre lieu de la République Rwandaise sur décision de la majorité absolue des membres du Congrès national.

TITRE II.

DES FONDEMENTS ET DES OBJECTIFS DU M.D.R.

Article 3.

Le principe fondamental du M.D.R. est la défense et la sauvegarde des acquis de la révolution socio-politique de 1959 à savoir : la Démocratie et la République.

Article 4.

Le Parti politique M.D.R. a pour principaux objectifs :

- a) la coexistence pacifique des ethnies rwandaises dans l'égalité et le respect mutuel dans le but de maintenir une nation républicaine paisible, unie et indivisible ;
- b) le respect et la protection des libertés individuelles et les droits fondamentaux de l'homme tels que stipulés dans la déclaration universelle des droits de l'homme et reconnus par la République Rwandaise ;
- c) la garantie du principe selon lequel dans un système démocratique, les détenteurs du pouvoir à tous les échelons doivent l'être en vertu d'un mandat leur conféré par le peuple grâce à des élections libres non entachées d'irrégularités ;
- d) la lutte pour la moralité des hommes publics et l'émergence d'un véritable éveil politique ;
- e) la lutte pour l'assainissement de la justice et l'indépendance des pouvoirs ;
- f) la lutte contre le pouvoir personnel, le népotisme et le trafic d'influence dans les affaires publiques ;
- g) la garantie et la consécration du droit à l'information ayant pour corollaire l'obligation pour les détenteurs du pouvoir à rendre compte de leur gestion devant les élus du peuple, la presse et l'opinion publique ;
- h) la garantie d'une économie libre mais saine et équitable accordant la priorité aux intérêts des masses paysannes, aux associations des jeunes, aux coopératives, aux artisans et aux salariés ;
- i) l'assainissement du système fiscal, soutien aux opérateurs économiques et aux professions libérales ;
- j) la lutte contre le détournement des fonds publics et toute autre malvérisation ;

Ingingo ya 2.

Intebe y'Ishyaka ishyizwe mu murwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Ishobora kwimurirwa ahandi hose muri Repubulika y'u Rwanda byemejwe n'ubwiganze burunduye bw'abagize Kongere y'Igihugu y'ishyaka.

INTERURO YA II.

INSHINGANO N'INTEGO ZA M.D.R.

Ingingo ya 3.

Ihame ry'ishingiro rya M.D.R. ni ukurengera no kurinda ibyo dukeshya Revolisiyo ya rubanda yomu wa 1959 ari byo : Demokarasi na Repubulika :

Ingingo ya 4.

Ishyaka rya politiki M.D.R. rigamije cyane cyane :

- a) guharanira imibanire y'amoko y'u Rwanda mu mahoro, mu budasumbanya, mu bwubahane bigamije gukomeza igihugu kigendera kuri Repubulika mu ituze, mu bumwe no mu busugire ;
- b) kubaha no kurinda ukwishyira ukizana kwa buri muntu n'uburenganzira bw'ikiremhamuntu nk'uko bugenwe mu masezerano mpuzamahanga n'uburenganzira bw'ikiremhamuntu kandi yemewe na Repubulika y'u Rwanda ;
- c) guhamya ko muri demokarasi, abafite ubutegetsi mu nzego zose bagomba kuba barabuhawe n'abaturage mu matora azira igitugu n'uburiganya ;
- d) guharanira ko abategetsi barangwa n'umurava n'uko abantu barushaho kumva no kwitabira politiki ;
- e) guharanira itunganywa ry'ubutabera n'itandukanywa ry'inzego z'ubutegetsi ;
- f) guharanira ko ubutegetsi butakwikubirwa n'umuntu umwe, kurwanya icyenewabo na nyirandakuzi mu butegetsi ;
- g) kurengera no guhamya uburenganzira bwo gutanga no kugezwaho amakuru, binasaba abategetsi kumenyesha itangazamakuru na rubanda imicungire y'Igihugu ;
- h) guhamya ubukungu bushingiye k'ukwishyira ukizana gusesuye kandi gusaranganyijwe ku buryo hashyirwa imbere cyane cyane inyungu za rubanda rwo mu cyaro, iz'amashyirahamwe y'urubyiruko, iz'amakoperative, iz'abanyabukorikori n'iz'abanyamushahara ;
- i) gutunganya isoreshwa, gutera inkunga abafite uruhare mu mirimo itsura ubukungu n'abashyamba imirimo yunganira rubanda ;
- j) kurwanya uburyo bwose bugamije kunyereza imari n'umutungo w'Igihugu ;

- k) la recherche des solutions pragmatiques aux contraintes qui entravent le développement de notre pays telles que la démographie, la famine, le chômage, l'ignorance, l'occupation irrationnelle des terres et leur mauvaise utilisation, etc;
- l) la promotion de l'emploi;
- m) promouvoir à tous les niveaux un enseignement de qualité et garantir les mêmes chances d'y accéder;
- n) favoriser la promotion de la femme rwandaise sur tous les plans;
- o) jeter de nouvelles bases d'une solidarité démocratique entre les peuples, promouvoir l'unité africaine et une coopération régionale et internationale active bénéfique pour la Nation rwandaise.

TITRE III.

DES MEMBRES.

Article 5.

Le M.D.R. reconnaît deux catégories de membres : les membres effectifs appelés « Abarwanashyaka » et les membres d'honneur.

Article 6.

La qualité de membre effectif du parti est ouverte à toute personne physique sans distinction de sexe, d'ethnie, de race ou de religion, remplissant les conditions suivantes :

- a) être de nationalité rwandaise;
- b) accepter de respecter et d'être régi par les présents statuts;
- c) formuler une demande auprès du bureau de Secteur du Parti.

Article 7.

La qualité de membre d'honneur est attribuée par le Secrétariat exécutif national :

- a) à tous ceux qui ont rendu des services exceptionnels au Parti quelle que soit leur nationalité;
- b) à toute association qui accepte d'adhérer au Parti.

Article 8.

La qualité de membre du Parti se perd par une démission écrite ou par exclusion. Est possible d'exclusion, tout membre du Parti qui ne respecte pas les dispositions des présents statuts.

- k) gushakira ibisubizo bihamye ibibazo by'ibibangamiye amajyambere y'u Rwanda nk'ubwiyongere bw'abaturage butajyanye n'umushyamba, inzara, ibura ry'imirimo, ubujiji, imiturire y'abatitanywe, nikoreshwa ribi ry'amasambu;

- l) guharanira kongera imirimo mu gihugu;

- m) guharanira ko abanyarwanda bahabwa inyamba zibafitiye akamaro kandi zituma bagira ubushoboze kurushanwa, bakagererwa n'uburyo buhanuye kuzihabwa;

- n) gushyigikira icyatuma umunyarwandakazi arushyamba gutera imbere mu nzego zose;

- o) guteza imbere ubutwererane n'ibihugu bishyamba demokarasi; guteza imbere Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika no gushyigikira ubutwererane n'ibihugu duturanye ndetse n'andi mahanga mu bifitiye u Rwanda akamaro.

INTERURO YA III.

ABAYOBOKE.

Ingingo ya 5.

M.D.R. vakira abayoboke bagizwe n'ibyiciro bya abayoboke nyirizina bitwa « ABARWANASHYAKA » n'abayoboke b'icyubahiro.

Ingingo ya 6.

Kuba umurwanashyaka byemerewe buri wese vangura ry'ibitsina, ry'amoko, ry'uturere cyangwa se wujuje izi ngingo :

- a) kuba ari umunyarwanda;
- b) kwemera kubaha no kuvoborwa n'izi sitati;
- c) kubisaba ku biro bya Ségiteri by'Ishyaka.

Ingingo ya 7.

Kuba umuyoboke w'icyubahiro byegurirwa, bikurikira ibi :

- a) abagiriye Ishyaka akamaro baba abanyarwanda cyangwa se abanyamahanga;
- b) ishyirahamwe ryose ryiyemeje kuvoboka iri shyamba

Ingingo ya 8.

Kuva mu Ishyaka biterwa no gusezera hakoreshejwe inyandiko no gusezererwa. Azasezererwa, buri muryango w'Ishyaka ucisha ukubiri n'izi sitati.

Article 9.

Chaque membre du Parti a le devoir de :

- a) respecter le Manifeste-Programme et les présents statuts;
- b) contribuer financièrement à la vie du Parti;
- c) éviter en tout lieu et en toute circonstance, tout comportement susceptible de ternir l'image de marque du Parti, d'entâcher l'honneur de ses dirigeants et d'égarer les membres des idéaux du Parti;
- d) défendre les principes fondamentaux, les objectifs et les intérêts du Parti.

Article 10.

Tout membre du Parti a le droit de :

- a) élire et être élu à tous les échelons des organes du Parti;
- b) être informé de toutes les activités du Parti;
- c) assister aux réunions du Parti;
- d) participer aux activités du Parti;
- e) être défendu par le Parti contre toute violation de ses droits du fait de son appartenance au M.D.R.

TITRE IV.

DE L'ORGANISATION DU PARTI.

Article 11.

Le Parti fait correspondre la répartition de ses organes à la division administrative du Pays. A cet effet, le M.D.R. est organisé en cinq échelons: cellule, secteur, commune, préfecture et enfin l'échelon national.

CHAPITRE PREMIER.

DES ORGANES A L'ECHELON DE LA CELLULE.

Article 12.

Les organes à l'échelon de la cellule sont :

- a) l'Assemblée de cellule;
- b) le Bureau de cellule.

SECTION PREMIERE.

DE L'ASSEMBLEE DE CELLULE.

Article 13.

L'Assemblée de cellule comprend tous les membres du Parti dans la cellule.

L'Assemblée élit son Bureau composé de: un Président-Propagandiste, un Rapporteur et un Trésorier.

L'Assemblée se réunit une fois tous les trois mois et autant de fois que de besoin. Elle est convoquée et présidée par le Président du Parti dans la cellule.

Ingingo ya 9.

Buri muyobokeye w'Ishyaka asabwe :

- a) kubahiriza Manifeste-Programme n'izi sitati;
- b) gutera inkunga Ishyaka;
- c) kwirinda aho ari hose na buri gihe cyose imyifatire yatesha ishema Ishyaka, yatesha icyubahiro abayobozi baryo cyangwa yayobya abayobokeye bagateshuka ku mahame yaryo;
- d) kurengera amahameremezo, intego n'inyungu z'Ishyaka.

Ingingo ya 10.

Buri muyobokeye w'Ishyaka afite uburenganzira bwo :

- a) gutorwa no gutorwa mu nzego zose z'Ishyaka;
- b) kumenyeshwa ibikorwa byose by'Ishyaka;
- c) kujya mu nama z'Ishyaka;
- d) kuba mu bikorwa by'Ishyaka;
- e) kurengera n'Ishyaka igihe azize ko ari umuyobokeye wa M.D.R.

INTERURO YA IV.

IMIKORERE Y'ISHYAKA.

Ingingo ya 11.

Ishyaka rigera inzego zaryo ku ry'imigabane y'inzego z'ubutegetsi bw'Igihugu. Ku bw'ibyo, M.D.R. ifite inzego muri Selire, Segiteri, Komini, Perezidantura no mu rwego rw'Igihugu.

UMUTWE WA MBERE.

INZEGO ZO MURI SELIRE.

Ingingo ya 12.

Inzego zo muri Selire ni izi :

- a) Inteko ya Selire (Inama rusange);
- b) Biro ya Selire.

ICYICIRO CYA MBERE.

INTEKO YA SELIRE.

Ingingo ya 13.

Inteko ya Selire igizwe n'abayobokeye b'ishyaka bari muri Selire.

Inteko yitoramo biro igizwe na: Perezida-propagandiste; Umwanditsi n'Umubitsi.

Inteko iterana buri mezi atatu n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumirwa kandi ikayoborwa na Perezida-propagandiste w'Ishyaka muri Selire.

Article 14.

Les attributions suivantes sont dévolues à l'Assemblée de cellule :

- a) élire les membres du Bureau de cellule ;
- b) discuter de toutes les affaires intéressant la vie du Parti dans la cellule ;
- c) prendre des résolutions, donner des avis et recommandations sur tout ce qui peut contribuer à la bonne marche du Parti.

SECTION II.**DU BUREAU DE CELLULE.**Article 15.

Le Bureau de cellule est élu pour un mandat de quatre ans. Il comprend un Président-Propagandiste, un Rapporteur et un Trésorier.

Le Bureau de cellule est présidé par le Président du Parti dans la cellule et se réunit toutes les fois que les intérêts du Parti l'exigent.

Article 16.

Les attributions du Bureau de cellule sont les suivantes :

- a) convoquer l'Assemblée de cellule ;
- b) faire des propositions aux échelons supérieurs sur la politique à suivre ;
- c) faire appliquer les directives des échelons supérieurs ;
- d) procéder à une intense sensibilisation en vue d'une adhésion massive aux idéaux du M.D.R. ;
- e) récolter les cotisations des membres ;
- f) transmettre au Bureau de secteur tous les rapports des activités du Parti dans la cellule ;
- g) être l'œil vigilant du Parti sur les pratiques de la démocratie et sur la bonne gestion de la chose publique dans la cellule.

CHAPITRE II.**DES ORGANES A L'ECHELON DE SECTEUR.**Article 17.

Les organes à l'échelon de secteur sont :

- a) l'Assemblée de secteur ;
- b) le Bureau de secteur.

Ingingo ya 14.

Imirimo y'Inteko ya Selire ni iyi :

- a) gutora abagize Biro ya Selire ;
- b) kwiga ibibazo byose bireba Ishyaka mu rwego Selire ;
- c) gufata ibyemezo, gutanga ibitekerezo n'ibyifuzo byagirira Ishyaka akamaro.

ICYICIRO CYA II.**BIRO YA SELIRE.**Ingingo ya 15.

Biro ya Selire itorerwa igihe cy'imyaka ine, Igi Perezida-propagandiste, Umwanditsi n'Umubitsi.

Biro ya Selire iyoborwa na Perezida w'Ishyamba Selire kandi iterana buri gihe cyose byaba bifitiye a Ishyaka.

Ingingo ya 16.

Biro ya Selire ishinze :

- a) gutumiza Inteko ya Selire ;
- b) guha inzego zisumbuye ibitekerezo kuri politiki gukurikizwa ;
- c) kubahiriza ibyemezo by'inzego zisumbuye ;
- d) guhagurukira kwamamaza no gukangurira ama M.D.R. ngo vitabirwe na benshi ;
- e) kwakira imisanzu y'abayobokeye ;
- f) koherereza Biro ya Segiteri raporo zose z'iby muri Selire ;
- g) kubera Ishyamba ijisho ridahugira ku bireba ibishyamba kuri demokarasi no ku micungire muri rubanda.

UMUTWE WA II.**INZEGO ZO MURI SEGITERI.**Ingingo ya 17.

Inzego zo muri Segiteri ni izi :

- a) Inteko ya Segiteri ;
- b) Biro ya Segiteri.

SECTION PREMIERE.

DE L'ASSEMBLEE DE SECTEUR.

Article 18.

L'Assemblée de secteur comprend tous les membres du Parti dans le secteur.

L'Assemblée élit son Bureau composé de : un Président, un Rapporteur et un Trésorier.

L'Assemblée se réunit une fois tous les six mois et autant de fois que de besoin. Elle est présidée par le Président du Parti dans le secteur.

Article 19.

Les attributions de l'Assemblée de secteur sont les suivantes :

- a) élire les membres du Bureau de secteur ;
- b) discuter de toutes les affaires intéressant la vie du Parti dans le secteur ;
- c) prendre des résolutions, donner des avis et recommandations sur tout ce qui peut contribuer à la bonne marche du Parti.

SECTION III.

DU BUREAU DE SECTEUR.

Article 20.

Le Bureau de secteur est élu pour un mandat de quatre ans. Il est composé de : un Président, un Rapporteur et un Trésorier.

Le Bureau de secteur se réunit autant de fois que de besoin. Il est convoqué et présidé par le Président du Parti dans le secteur.

Article 21.

Les attributions du Bureau de secteur sont les suivantes :

- a) convoquer l'Assemblée de secteur ;
- b) faire des propositions aux échelons supérieurs sur la politique à suivre ;
- c) faire appliquer les directives des échelons supérieurs ;
- d) procéder à une intense sensibilisation en vue d'une adhésion massive aux idéaux du M.D.R. ;
- e) veiller à la bonne procédure de récolte des contributions financières des membres ;
- f) transmettre les demandes d'adhésion au Secrétariat communal ;
- g) transmettre au Secrétariat communal les rapports des activités du Parti dans le secteur ;
- h) être l'œil vigilant du Parti sur les pratiques de la démocratie et la bonne gestion de la chose publique dans le secteur.

ICYICIRO CYA MBERE.

INTEKO YA SEGITERI.

Ingingo ya 18.

Inteko ya Segiteri igizwe n'abayoboke bose Ishyaka rifite muri Segiteri.

Inteko ya Segiteri yitorera Biro igizwe na Perezida, Umwanditsi n'Umubitsi. Inteko ya Segiteri iterana buri mezi atandatu n'igihe cyose bibaye ngombwa. Iyoborwa na Perezida w'Ishyaka muri Segiteri.

Ingingo ya 19.

Inteko ya Segiteri ishinze :

- a) gutora abagize Biro ya Segiteri ;
- b) kwiga ibirebana n'Ishyaka byose mu rwego rwa Segiteri ;
- c) gufata ibyemezo, gutanga ibitekerezo n'ibyifuzo ku byatuma Ishyaka rigenda neza.

ICYICIRO CYA III.

BIRO YA SEGITERI.

Ingingo ya 20.

Biro ya Segiteri itorerwa imyaka ine. Igizwe na Perezida, Umwanditsi, n'Umubitsi.

Biro ya Segiteri iterana buri gihe cyose ari ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida w'Ishyaka muri Segiteri.

Ingingo ya 21.

Biro ya Segiteri ishinze :

- a) gutumiza Inteko Rusange ya Segiteri ;
- b) kubahiriza ibyemezo by'inzego zisumbuye ;
- c) kugira inama inzego zisumbuye kuri politiki ikwiye gukurikizwa ;
- d) gucengeza amatwara kugira ngo abantu bayoboke M.D.R. ari benshi ;
- e) gushaka uburyo buboneye bwo kwegeranya inkunga y'abayoboke ;
- f) koherereza Sekeretariya ya Komini amazina y'abifuza kuyoboka Ishyaka ;
- g) koherereza Sekeretariya ya Komini raporo z'ibyakoze n'Ishyaka mu rwego rwa Segiteri ;
- h) kubera Ishyaka ijisho ridahugira ku mikorere ya demokarasi n'imirungire myiza y'ibya rubanda.

CHAPITRE III.

DES ORGANES A L'ECHELON DE LA COMMUNE.

Article 22.

Les organes à l'échelon de la commune sont:

- a) l'Assemblée communale;
- b) le Secrétariat communal;

SECTION PREMIERE.

DE L'ASSEMBLEE COMMUNALE.

Article 23.

L'Assemblée communale est composée de:

- a) les membres du Secrétariat communal;
- b) les membres du Bureaux des secteurs;
- c) les membres du Bureaux de cellules;
- d) les Responsables des cellules, les Conseillers et le Bourgmestre. membres du Parti;
- e) les membres d'honneur.

Article 24

L'Assemblée communale se réunit une fois tous les six mois et autant de fois que de besoin. Elle est convoquée et présidée par le Président du Secrétariat communal.

Article 25.

Les attributions de l'Assemblée communale sont les suivantes:

- a) élire les membres du Bureau du Secrétariat communal;
- b) discuter de toutes les affaires intéressant la vie du Parti dans la commune;
- c) prendre des résolutions, donner des avis et recommandations sur tout ce qui peut contribuer à la bonne marche du Parti;
- d) proposer les candidats du Parti aux élections dans les communes, secteurs et cellules;
- e) approuver le rapport annuel des activités du Parti dans la commune.

SECTION II.

DU SECRETARIAT COMMUNAL.

Article 26.

Le Secrétariat communal est composé de:

- a) les membres du Bureau du Secrétariat communal;
- b) les Présidents du Parti dans les secteurs.

UMUTWE WA III.

INZEGO MURI KOMINI.

Ingingo ya 22.

Inzego muri Komini ni izi:

- a) Inteko ya Komini;
- b) Sekeretariya ya Komini.

ICYICIRO CYA MBERE.

INTEKO YA KOMINI.

Ingingo ya 23.

Inteko ya Komini igizwe na:

- a) abagize Sekeretariya ya Komini;
- b) abagize Biro za Segiteri;
- c) abagize Biro za Selire;
- d) Abayobozi ba Selire, Abajyanama na Burugum bari muri M.D.R.;
- e) abayoboze b'icubahiro.

Ingingo ya 24.

Inteko ya Komini iterana buri mezi 6 n'igihe 1 ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida Sekeretariya ya Komini.

Ingingo ya 25.

Inteko ya Komini ishinze:

- a) gutora abagize Sekeretariya ya Komini;
- b) gusuzuma ibibazo byose bireba imibereho y'Ihuriye muri Komini;
- c) gufata ibyemezo, gutanga ibitekerezo n'ibibazwa byatuma Ishyamba rigenda neza;
- d) gutanga abakandida b'Ishyamba mu matora ya Kuri Segiteri na Selire;
- e) kwemeza raporo y'umwaka y'ibyakoze n'Ishyamba Komini.

ICYICIRO CYA II.

SEKERETARIYA YA KOMINI.

Ingingo ya 26.

Sekretariya ya Komini igizwe na:

- a) abagize Biro ya Sekeretariya ya Komini;
- b) ba Perezida b'Ishyamba mu ma Segiteri.

Article 27.

Le Bureau du Secrétariat communal élu par l'Assemblée communale pour un mandat de quatre ans est composé de :

un Président, un Rapporteur et un Trésorier.

Le Secrétariat communal se réunit autant de fois que de besoin. Il est convoqué et présidé par le Président du Parti dans la commune.

Article 28.

Les attributions du Secrétariat communal sont les suivantes :

- a) veiller à l'application des directives des échelons supérieurs ;
- b) faire des propositions aux échelons supérieurs sur la politique à suivre ;
- c) procéder à l'acte d'adhésion des membres du Parti ;
- d) faire observer le Manifeste-Programme du Parti dans la commune ;
- e) coordonner toutes les activités du Parti dans la commune ;
- f) transmettre au Secrétariat préfectoral les rapports des activités du Parti dans la commune ;
- g) être l'œil vigilant du Parti sur les pratiques démocratiques et sur la bonne gestion de la chose publique dans la commune.

CHAPITRE IV.

DES ORGANES A L'ECHELON PREFECTORAL.

Article 29.

Les organes à l'échelon préfectoral sont :

- a) l'Assemblée préfectorale ;
- b) le Secrétariat préfectoral.

SECTION PREMIERE.

DE L'ASSEMBLEE PREFECTORALE.

Article 30.

L'Assemblée préfectorale est composée de :

- a) les membres du Secrétariat préfectoral ;
- b) les membres des Bureaux des Secrétariats communaux ;
- c) les Présidents des Bureaux des secteurs ;
- d) les Députés, membres du Parti dans la Préfecture ;
- e) les Bourgmestres et le Préfet, membres du Parti ;
- f) les membres d'honneur.

Ingingo ya 27.

Biro ya Sekeretariya ya Komini, itorwa n'Inteko ya Komini imara imyaka ine, kandi igizwe na Perezida, Umwanditsi n'Umubitsi.

Sekeretariya ya Komini iterana igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayobora na Perezida w'Ishyaka muri Komini.

Ingingo ya 28.

Sekeretariya ya Komini ishinze :

- a) kubahiriza amabwiriza y'inzego zisumbuye ;
- b) kugira inama inzego zisumbuye kuri politiki ikwiye gukurikizwa ;
- c) kwemerera abayoboke bashya mu Ishyaka ;
- d) kubahirisha Manifeste-Programme y'Ishyaka muri Komini ;
- e) guhuza imirimo yose y'Ishyaka muri Komini ;
- f) kohereza Sekeretariya ya Perefegitura raporo z'ibyakozwe n'Ishyaka muri Komini ;
- g) kubera Ishyaka ijisho ridahugira ku mikorere ihuje na demokarasi n'imirungire myiza y'ibya rubanda.

UMUTWE WA IV.

INZEGO MURI PEREFEGITURA.

Ingingo ya 29.

Inzego muri Perefegitura ni :

- a) Inteko ya Perefegitura ;
- b) Sekeretariya ya Perefegitura.

ICYICIRO CYA MBERE.

INTEKO YA PEREFEGITURA.

Ingingo ya 30.

Inteko ya Perefegitura igizwe na :

- a) abagize Sekeretariya ya Perefegitura ;
- b) abagize Biro za Sekeretariya mu ma Komini ;
- c) aba Perezida ba Biro za Segiteri ;
- d) abadepite ba M.D.R. muri Perefegitura ;
- e) ba Burugumesitiri na Peref bari muri M.D.R. ;
- f) abayoboke b'icyubahiro.

Article 31.

L'Assemblée préfectorale se réunit une fois par an et toutes les fois que le besoin l'exige. Elle est convoquée et présidée par le Président du Secrétariat préfectoral.

Article 32.

L'Assemblée préfectorale est composée de :

- a) élire les membres du Bureau du Secrétariat préfectoral ;
- b) proposer les candidats du Parti aux élections législatives ;
- c) discuter de toutes les affaires intéressant la vie du Parti dans la préfecture ;
- d) prendre des résolutions, donner des avis et recommandations sur tout ce qui peut contribuer à la bonne marche du Parti ;
- e) approuver le rapport annuel des activités du Parti dans la préfecture.

SECTION II.**DU SECRETARIAT PREFECTORAL.****Article 33.**

Le Secrétariat préfectoral est composé de :

- a) les membres du Bureau du Secrétariat préfectoral ;
- b) les Présidents du Parti dans les communes.

Article 34.

Le Bureau du Secrétariat préfectoral est élu par l'Assemblée préfectorale pour un mandat de quatre ans. Il est composé de : un Président, un Rapporteur et un Trésorier.

Le Secrétariat préfectoral se réunit une fois les six mois et autant de fois que de besoin. Il est convoqué et présidé par le Président du Parti dans la préfecture.

Article 35.

Les attributions du Secrétariat préfectoral sont les suivantes :

- a) veiller à l'application des directives des échelons supérieurs ;
- b) faire des propositions aux échelons supérieurs sur la politique à suivre ;
- c) exécuter les décisions de l'Assemblée préfectorale ;
- d) faire observer le Manifeste-Programme du Parti dans la préfecture ;
- e) coordonner toutes les activités du Parti dans la préfecture ;
- f) transmettre au Secrétariat exécutif national les rapports des activités du Parti dans la préfecture ;
- g) organiser la campagne des candidats du Parti aux élections communales ;

Ingingo ya 31.

Inteko ya Perefegitura iterana rimwe mu m'igihe bibaye ngombwa. Itumizwa, ikayoborwa Perezida wa Sekeretariya muri Perefegitura.

Ingingo ya 32.

Inshingano z'Inteko ya Perefegitura ni izi :

- a) gutora abagize Biro ya Sekeretariya ya Perefegitura ;
- b) gutanga abakandida mu itora ry'abadepite ;
- c) gusuzuma ibibazo byose bireba imibereho y'Isi muri Perefegitura ;
- d) gufata ibyemezo, gutanga ibitekerezo n'ibiyifuzwa byatuma Ishyaka rigenda neza ;
- e) kwemeza raporo y'umwaka y'ibyakozwe n'Ishyaka Perefegitura.

ICYICIRO CYA II.**SEKERETARIYA YA PEREFEGITURA.****Ingingo ya 33.**

Sekretariya ya Perefegitura igizwe na :

- a) abagize Biro ya Sekeretariya ya Perefegitura ;
- b) ba Perezida b'Ishyaka mu ma Komini.

Ingingo ya 34.

Biro ya Sekeretariya ya Perefegitura itorwa n'Inteko ya Perefegitura ikagira manda y'imyaka ine. Igizwe Perezida, Umwanditsi n'Umubitsi.

Sekretariya ya Perefegitura iterana rimwe mu atandatu n'igihe bibaye ngombwa. Itumizwa ikayoborwa na Perezida w'Ishyaka muri Perefegitura.

Ingingo ya 35.

Inshingano za Sekeretariya ya Perefegitura ni :

- a) kubahirisha amabwiriza y'inzego zisumbuye ;
- b) kugira inama inzego zisumbuye kuri politiki y'igukurikizwa ;
- c) gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko ya Perefegitura ;
- d) kubahirisha Manifeste-Programme y'Ishyaka Perefegitura ;
- e) guhuza ibikorwa byose by'Ishyaka muri Perefegitura ;
- f) koherereza Sekeretariya nkuru y'Igihugu ibyemezo z'ibyakozwe n'Ishyaka muri Perefegitura ;
- g) gutegura no gushyira mu bikorwa ibyemezo by'abakandida b'Ishyaka mu itora ry'amakominis.

- h) être l'œil vigilant du Parti sur les pratiques de la démocratie et sur la bonne gestion de la chose publique dans la préfecture.

CHAPITRE V.

DES ORGANES A L'ECHELON NATIONAL.

Article 36.

Les organes du parti à l'échelon national sont :

- a) le Congrès national ;
- b) le Bureau politique national ;
- c) le Secrétariat exécutif national.

SECTION PREMIERE.

DU CONGRES NATIONAL.

Article 37.

Le Congrès national est l'organe suprême du Parti. Il est composé de :

- a) le Président national du Parti et les vice-Présidents ;
- b) les membres des Bureaux des Secrétariats préfectoraux ;
- c) les Présidents des Secrétariats communaux ;
- d) les membres du Gouvernement, membres du Parti ;
- e) les députés membres du Parti ;
- f) les Préfets membres du Parti ;
- g) les membres d'honneurs du Parti.

Article 38.

Le Congrès national se réunit une fois les deux ans en session ordinaire. Il peut se réunir en session extraordinaire à la demande de 1/3 des membres du congrès national.

Le Congrès national est convoqué et présidé par le Président national du Parti. Le Congrès agit sous forme de résolution.

Article 39.

Les attributions du Congrès national sont les suivantes :

- a) élire le Président national et les vices-Présidents du Parti ;
- b) se prononcer sur toute question intéressant la vie du Parti ;
- c) présenter le candidat du Parti à la Présidence de la République ;
- d) approuver et adopter le Manifeste-Programme du Parti ;
- e) modifier et adopter les statuts ;
- f) approuver les candidats du Parti aux élections législatives ;
- g) ratifier les décisions des organes des échelons inférieurs ;
- h) arrêter le budget du Parti.

- h) kubera Ishyaka ijisho ridahuga ku mikorere ihuje na demokarasi n'imirungire myiza y'ibya rubanda muri Perefegitura.

UMUTWE WA V.

INZEGO MU RWEGO RW'IGIHUGU.

Ingingo ya 36.

Inzego z'Ishyaka mu rwego rw'Igihugu ni :

- a) Kongere y'Igihugu ;
- b) Biro politiki y'Igihugu ;
- c) Sekeretariya y'Igihugu ;

ICYICIRO CYA MBERE.

KONGERE Y'IGIHUGU.

Ingingo ya 37.

Kongere y'Igihugu ni rwo rwego rw'ikirenga rw'Ishyaka. Igizwe na :

- a) Perezida na ba visi-Perezida ;
- b) abagize Biro za Sekeretariya mu ma Perefegitura ;
- c) abaperezida ba Sekeretariya mu ma Komini ;
- d) abagize Guverinoma bakomoka mu Ishyaka ;
- e) Abadepite bakomoka mu Ishyaka ;
- f) ba Perefe bari muri M.D.R. ;
- g) abayoboke b'icyubahiro.

Ingingo ya 38.

Kongere y'Igihugu iterana buri myaka ibiri mu nteko isanzwe. Ishobora guterana mu nteko idasanzwe bisabwe na 1/3 cy'abagize Kongere y'Igihugu.

Kongere y'Igihugu itumizwa kandi iyoborwa na Perezida w'Ishyaka. Kongere ihamya ibitekerezo byayo mu byemezo.

Ingingo ya 39.

Inshingano za Kongere y'Igihugu ni izi :

- a) gutora Perezida w'Ishyaka na ba visi-Perezida ;
- b) kugira icyo ivuga ku bireba Ishyaka byose ;
- c) gutanga umukandida w'Ishyaka wo gutorerwa kuba Perezida wa Repubulika ;
- d) kwemera no kwemeza Manifeste-Programe y'Ishyaka ;
- e) guhindura no kwemeza sitati ;
- f) kwemera abakandida b'Ishyaka biyamamariza ubudepite ;
- g) kwemeza burundu ibyemezo by'inzego zo hasi ;
- h) kwemeza ingengo y'imari y'Ishyaka.

SECTION II.

DU BUREAU POLITIQUE NATIONAL.

Article 40.

Le Bureau politique national est un organe de conception du Parti. Il est composé de :

- a) le Président national et les vice-présidents du Parti ;
- b) les membres des Bureaux de Secrétariats préfectoraux.

Article 41.

Le Bureau politique national est convoqué et présidé par le Président national du Parti. Il se réunit autant de fois que de besoin.

Article 42.

Les attributions du Bureau politique national sont les suivantes :

- a) concevoir la politique générale du Parti ;
- b) déterminer le montant de la contribution financière des membres ;
- c) soumettre au Congrès national tout changement ou modification à apporter pour la bonne marche du Parti ;
- d) créer les commissions spécialisées et désigner leurs Présidents ;
- e) approuver le règlement d'ordre intérieur et les statuts du personnel du Parti ;
- f) prendre toute autre mesure intéressant le Parti.

SECTION III.

DU SECRETARIAT EXECUTIF NATIONAL.

Article 43.

Le Secrétariat exécutif national est un organe exécutif du Parti sous la direction du Président national.

En plus du Président national, le Secrétariat dispose des cadres et du personnel nécessaires à l'exercice de ses fonctions. Leurs statuts sont approuvés par le Bureau politique national.

Article 44.

Le Président national est le numéro un du Parti. Pour élire le Président national du Parti, chaque Assemblée préfectorale présente son candidat au Bureau politique national. De ces candidats, le Bureau politique national en choisit trois qu'il présente au Congrès national du Parti. Celui-ci élit le Président, le Premier vice-président et le Deuxième vice-président suivant les voix obtenues.

Le Président national est élu pour un mandat de quatre ans renouvelable. Il ne peut exercer plus de deux mandats successifs.

ICYICIRO CYA II.

BIRO POLITIKI Y'IGIHUGU.

Ingingo ya 40.

Biro politiki y'Igihugu ni urwego rushinzwe gukomeza ibitekerezo. Igizwe na :

- a) Perezida w'Ishyaka na ba visi-Perezida ;
- b) abagize Biro za Sekeretariya za Perefegitura.

Ingingo ya 41.

Biro politiki y'Igihugu itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida w'Ishyaka. Iterana buri gihe bibaye ngombwa.

Ingingo ya 42.

Inshingano za Biro politiki y'Igihugu ni izi :

- a) gutegura politiki rusange y'Ishyaka ;
- b) kugena uburyo abayoboze b'Ishyaka bashoboye kuritanga inkunga ;
- c) kugeza kuri Kongere y'Igihugu ibyahindurwa kugira ngo Ishyaka rigende neza ;
- d) gushyiraho za komisiyo kabuhariwe no kuzigenera Perezida ;
- e) kwemeza itegeko ngengamikorere ry'Ishyaka kimwe na bitatungira abakozi baryo ;
- f) gufata ibyemezo byose byagirira Ishyaka akamaro.

ICYICIRO CYA III.

SEKERETARIYA NKURU Y'IGIHUGU.

Ingingo ya 43.

Sekretariya nkuru y'Igihugu ni urwego rwubahiriza ibyemezo by'Ishyaka ruyobowe na Perezida w'igihugu.

Perezida w'Ishyaka yunganirwa n'abakozi bakomeye ngombwa. Amategeko abagenga yemezwa na Biro politiki y'Igihugu.

Ingingo ya 44.

Perezida w'Ishyaka ni we mukuru w'igihugu. Mu itera ry'igihugu Perezida w'Ishyaka, buri nteko ya Perefegitura ishyikirizwa Biro politiki y'Igihugu umukandida wayo. Mu bakandida bashyikirijwe, Biro politiki y'Igihugu itoranyamo batatungira ikabashyikiriza Kongere y'Igihugu, nayo igatoramye Perezida w'Ishyaka, visi-Perezida wa mbere na visi-Perezida wa kabiri hakurikijwe amajwi buri wese yabonye.

Perezida w'Ishyaka atorerwa manda y'imyaka ine ntaashobora kurenza manda ebyiri zikurikiranye.

Article 45.

Les attributions du Président national sont les suivantes :

- a) représenter le Parti aussi bien à l'intérieur du pays qu'à l'étranger ;
- b) établir et animer la coopération avec les organisations étrangères et d'autres partis politiques ;
- c) convoquer et présider les réunions du Congrès national ;
- d) garantir le respect du programme du Parti ;
- e) diriger le Parti et s'assurer du respect des principaux idéaux du Parti à tous les échelons ;
- f) superviser le fonctionnement du Secrétariat exécutif national ;
- g) exécuter les missions lui assignées par le Congrès national et Bureau politique national ;
- h) assurer la vitalité, la cohésion et l'efficacité du Parti ;
- i) assurer la gestion financière du Parti ;
- j) faire une étude sur des problèmes posés par les organes des échelons inférieurs ;
- k) coordonner les relations entre le Parti et les pouvoirs publics ;
- l) organiser la campagne des candidats du Parti aux élections présidentielles et législatives ;
- m) recruter, nommer et révoquer le personnel sous ses ordres ; donner le rapport annuel de ses activités au congrès national ;
- n) donner le rapport annuel de ses activités au Congrès national ;
- o) proposer l'amendement du règlement d'ordre intérieur, des statuts du personnel et les soumettre à l'approbation du Bureau politique national.

TITRE V.

DES FINANCES DU PARTI.

Article 46.

L'actif du Parti est constitué de :

- a) les contributions de ses membres ;
- b) les subventions de l'Etat, dons et legs ;
- c) les revenus provenant de ses activités socio-culturelles ;
- d) les biens meubles et immeubles ;
- e) des recettes diverses.

Article 47.

L'exercice budgétaire du Parti s'ouvre le 1^{er} janvier et s'achève au 31 décembre de chaque année.

Le Bureau politique national approuve la gestion du patrimoine du Parti, détermine le pourcentage attribué à la caisse nationale et aux caisses des échelons inférieurs.

Les modalités de perception des cotisations sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur.

Ingingo ya 45.

Inshingano za Perezida w'Ishyaka ni izi :

- a) guhagararira Ishyaka mu gihugu no mu mahanga ;
- b) kugirana umubano w'ubutwererane n'amashyirahamwe vo mu mahanga ndetse n'amashyaka ya politiki vaho ;
- c) gutumiza no kuyobora inama za Kongere y'Igihugu ;
- d) kubahirisha porogaramu y'Ishyaka ;
- e) kuyobora Ishyaka no gukurikirana ko amahame yaryo y'ingenzi yubahirizwa mu nzego zose ;
- f) kuyobora imirimo ya Sekeretariya nkuru y'Igihugu ;
- g) gusohozza ubutumwa ahabwa na Kongere y'Igihugu na Biro politiki y'Igihugu ;
- h) gukurikirana ubushabuke, ubumwe n'ubugirakamaro by'Ishyaka ;
- i) gucunga imari y'Ishyaka ;
- j) kwiga ibibazo byatanzwe n'inzego zo hasi ;
- k) guhuza ibyerekeye umubano w'Ishyaka n'ubutegetsi ;
- l) gutegura iyamamaza ry'abakandida b'Ishyaka mu matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite ;
- m) gushaka, gushyira mu myanya no gusezerera abakozi ayobora ;
- n) gushyikiriza Kongere y'Igihugu raporo y'umwaka ;
- o) gutanga ibitekerezo ku ihindurwa ry'amategeko ngengamikorera, sitati zigenga abakozi no kubishyikiriza Biro politiki y'Igihugu ngo ibyemeze.

UMUTWE WA V.

UMUTUNGO W'ISHYAKA.

Ingingo ya 46.

Umutungo w'Ishyaka ugizwe na :

- a) inkunga y'abayobo baryo ;
- b) intwererano za Leta, impano n'indagano ;
- c) imari Ishyaka rikomora ku bikorwa bishingiye ku bijyana n'imibereho n'umuco ;
- d) ibyimukanwa n'ibitimukanwa ;
- e) indi mari ikomoka ku bindi bikorwa.

Ingingo ya 47.

Ingingo y'imari ibarirwa umwaka uhura ku wa 1 Mutarama ukarangirana n'uwa 31 Ukuboza.

Biro politiki y'Igihugu yemeza uko umutungo wacunzwe, ikagena uruhare rujanishije rugenewe isanduku mu rwego rw'Igihugu n'urugenewe inzego zo munsu.

Uburyo inkunga y'abayobo b'Ishyaka yakirwa bugenwa n'amategeko ngengamimerere.

Article 48.

Le budget du Parti sert à :

- a) financer les frais de construction, aménagement et entretien des bâtiments du Parti;
- b) rémunérer le personnel administratif;
- c) payer les indemnités, les frais de mission, de déplacement et de voyage dans le pays ou à l'étranger;
- d) acheter et entretenir les véhicules nécessaires au fonctionnement du Parti;
- e) financer le journal du Parti et les frais de documentation;
- f) financer tout ce qui est susceptible de promouvoir les objectifs du Parti dans les pays et à l'étranger.

Article 49.

Aucune sortie de la caisse ne peut être opérée sans la signature préalable et conjointe du Trésorier et du Responsable de l'échelon intéressé.

Article 50.

Tout bien immobilier appartenant au Parti est enregistré en son nom. Aucun transfert, bail, hypothèque ou autre aliénation ne doit avoir lieu sans approbation du Bureau politique national.

Les revenus et les biens du Parti sont utilisés uniquement dans le but d'accomplir les objectifs du Parti.

TITRE VI.**DES MESURES DISCIPLINAIRES.**Article 51.

Les fautes disciplinaires sont les suivantes :

- a) les actes contraires au Manifeste-Programme, statuts et aux règlements du Parti;
- b) les actes ou comportements de nature à nuire aux intérêts du Parti;
- c) entâcher publiquement l'honorabilité des responsables du Parti;
- d) tremper dans les manœuvres de corruption de détournement des fonds publics ou du Parti;
- e) abuser de son autorité et exercer une ingérence dans d'autres services.

Article 52.

Les sanctions disciplinaires sont les suivantes :

- a) l'avertissement oral;
- b) l'avertissement écrit;
- c) le blâme écrit;
- d) la suspension temporaire;
- e) l'interdiction temporaire d'exercer une fonction dans les organes du Parti;
- f) exclusion du Parti.

Ingingo ya 48.

Ingingo y'imari y'Ishyaka ikoresheya muri ibi :

- a) ubwubatsi bw'amazu y'Ishyaka no kuyafata neza;
- b) guhemba abakozi b'Ishyaka bahoraho;
- c) kuriha indamunite no kwishyura amafaranga y'ingendo z'abari mu butumwa mu gihugu no mu mahanga;
- d) kugura no gufata neza imodoka za ngombwa Ishyaka rikeneye mu kazi karyo;
- e) kuriha ikinyamakuru cy'Ishyaka no kugura inyandikonyibutsa;
- f) kuriha ibyafasha Ishyaka guteza imbere intego riyemeje haba mu gihugu cyangwa mu mahanga.

Ingingo ya 49.

Nta faranga rishobora gusohoka ritabanje gusinyirwa n'Umubitsi hamwe n'Umuyobozi w'urwego bireba.

Ingingo ya 50.

Ikintu cyose cy'Ishyaka kitimukanwa kiriyandikwaho. Ntishobora kuguranywa, gukodeshwa, kugwirizwa cyangwa kugenerwa undi bitabanje kwemezwa na Biro politiki y'Igihugu.

Ibyo Ishyaka ritunze n'ibyo ryungutse byose bikoresheya gusa mu buryo bugamije kurangiza intego zaryo.

UMUTWE WA VI.**IBIHANO.**Ingingo ya 51.

Amakosa ahanirwa ni aya :

- a) gukora ibinyuranyije na Manifeste-Programme, stati n'amategeko ngengamikorere y'Ishyaka;
- b) ibikorwa cyangwa imyifatire bigamije kononera Ishyaka;
- c) gutesha ishema abayobozi b'Ishyaka mu ruhamwe;
- d) kugira uruhare muri ruswa, mu kunyereza umutungo w'Igihugu cyangwa w'Ishyaka;
- e) kwitwaza ubutegetsi cyangwa kwivanga mu yindi mirimo.

Ingingo ya 52.

Ibihano biteganyijwe ni ibi :

- a) kwihanangirizwa mu magambo;
- b) kwihanangirizwa mu nyandiko;
- c) umugayo wanditse;
- d) guhagarikwa by'igihe gito;
- e) kubuzwa by'igihe gito gushingwa imirimo mu nzego z'Ishyaka;
- f) gusezererwa mu Ishyaka.

Article 53.

Aucune sanction disciplinaire ne peut être prononcée contre un membre du Parti sans qu'il ait été appelé à présenter sa défense. Toutefois, quand les intérêts du Parti l'exigent, l'autorité nantie du pouvoir disciplinaire prononce une suspension ou une exclusion provisoire et en avise dans les sept jours francs l'organe directement supérieur ou le cas échéant la commission spécialisée ad hoc qui confirme, atténue ou rejette la mesure prise dans les trente jours.

Article 54.

La procédure disciplinaire et les modalités d'application sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur.

TITRE VII.

DES DISPOSITIONS COMMUNES.

Article 55.

Le Président national du Parti est le représentant légal du Parti. Il représente le Parti en justice et vis-à-vis des tiers.

Article 56.

Toute publication engageant le Parti doit porter la signature de son Président national.

Article 57.

Le quorum exigé pour toute réunion est la majorité des 3/5 des membres effectifs.

Les décisions sont prises à la majorité absolue des membres présents jouissant de leur droit de vote.

Article 58.

Le vote s'exprime par main levée, appel nominal ou par écrit. Le mode de vote est adopté au début de toute réunion.

Article 59.

Les réunions des organes du Parti sont convoquées par les responsables de l'organe concerné. En cas de défaillance, l'organe supérieur peut se substituer à l'organe inférieur.

La convocation précise l'ordre du jour. Elle est adressée aux membres 7 jours avant la tenue de la réunion.

Il est dressé un procès-verbal à l'issue de chaque réunion. Les copies ou extraits sont authentifiés par les signatures du Président et du Rapporteur.

Ingingo ya 53.

Nta gihano kigenerwa umuyoboze w'Ishyaka atabanje guhabwa uburyo bwo kwiregura. Nyamara, iyo Ishyaka ribangamiwe, ushobora gutanga igihano ahagarika cyangwa agasezerera by'agateganyo ushinjwa kandi akabimenyesha urwego rwisumbuye mu gihe cy'iminsi irindwi, cyangwa se akabimenyesha komisiyo kabuhariwe ibishinzwe, nayo igahita yemeza, igabanya cyangwa isesa igihano mu gihe cy'iminsi mirongo itatu.

Ingingo ya 54.

Uburyo bwo gutanga ibihano no kubishyira mu bikorwa bugenwa n'amategeko ngengamikorere y'Ishyaka.

UMUTWE WA VII.

INGINGO RUSANGE.

Ingingo ya 55.

Perezida w'Ishyaka niwe urihagararira ku buryo bwemewe n'amategeko. Arihagararira mu nkiko riburana n'abandi.

Ingingo ya 56.

Inyandiko yose yitirirwa Ishyaka igomba kuba iriho umukono wa Perezida waryo.

Ingingo ya 57.

Inama iyo ariyo yose iterana ari uko habonetse 3/5 by'abayoboze nyirizina. Ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'abayoboze baje mu nama kandi bafite uburenganzira bwuzuye bwo gufata ibyemezo.

Ingingo ya 58.

Gutorera icyemezo bikorwa bashyize ukuboko hejuru, bahamagara buri muntu, cyangwa se mu nyandiko. Uburyo bwemezwa inama igitangira.

Ingingo ya 59.

Inama z'inze z'Ishyaka zitumizwa n'abayobozi ba buri rwego rutumiwe. Igihe bidashobotse, urwego rukuru rukora imirimo y'urubanziriza.

